Le Centre de Lutte Contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda a adressé une lettre aux évêques catholiques du Rwanda. La lettre demande que Mgr Perraudin décédé en Suisse soit enterré au Rwanda. La lettre est signé par le coordinateur du Centre, M. Joseph Matata.

IKIGO KIRWANYA UMUCO WO KUDAHANA N'AKARENGANE MU RWANDA

BP 141 Bruxelles 3
1030 BRUXELLES - Tél/Fax:32.81/60.11.13
GSM: 32.476.701.569

Buruseli, kuya 24 Gicurasi 2003

Impamvu: *Kubwiliza abanyarwanda kumvikana no gushyira mu gaciro*

Kuri Nyilicyubahiro Mushumba wa Diyoseze Gatolika mu Rwanda (Bose)

Nyilicyubahiro Mushumba wa Diyoseze

Ikigo Kirwanya umuco wo Kudahana n'Akarengane mu Rwanda kiboneyeho umwanya wo kubagezaho itangazo ryacyo n° 66/2003 ryo kuya 24/05/2003 risaba Abategetsi b'u Rwanda kwemera ko umurambo wa Nyakwigendera Musenyeri Andereya PERRAUDIN ushyingurwa mu mwanya wagenewe muli Katederali ya KABGAYI i Gitarama nkuko imihango ya Kiliziya Gatolika ibitegenya.

Ku bwacu, tumaze gusuzuma amateka n'imyitwalire yaranze uwo musenyeri wakoreye Kiliziya Gatolika y'u Rwanda imyaka igera kuli mirongo itanu, turasanga nta mpamvu n'imwe Ubutegetsi bw'u Rwanda bwakwitwaza bwo kumubuza gushyingurwa mu mwanya wamugenewe no mu gihugu yitangiye atizigamye. Ntituzi rero niba icyo kibazo Inama y'Abepisikopi Gatolika bo mu Rwanda (CECAR) yaba yarakibajije Ubutegetsi bw'u Rwanda kugirango uwo musenyeri azashyingurwe mu cyubahiro mu mwanya wamugenewe. Niba icyo kibazo kitarabajijwe se, murateganya kukibaza ? Dutegereje igisubizo cyanyu.

Hari abantu bake b'intagondwa kandi barangwa n'ibitekerezo bigufi bamurega ngo niwe wabibye amacakubiri mu Rwanda hagati y'abahutu n'abatutsi, ngo niwe wahimbye MDR-PARMEHUTU, ngo niwe wasezereye Ingoma ya Cyami, cyangwa ngo niwe watangije itsembabwoko mu Rwanda guhera muri 1959. Ibyo birego byose dusanga yarabirezwe n'abarwanashyaka ba UNAR guhera muri za 1959 ariko nta kimenyetso na kimwe kigaragara batanga uretse amagambo n'inyandiko zacicikanaga muli icyo gihe. Iyo dusuzumye inyandiko n'ibitabo byinshi byanditswe ku mateka y'u Rwanda y'icyo gihe, dusanga Musenyeri Andereya PERRAUDIN yarazize icyo mu migani y'abanyarwanda bita ngo « UVUZE KO NYIR'URUGO YAPFUYE SI WE UBA UMWISHE ». None se uwo muntu wihaye Imana ko yavuye iyo mu mahanga agasanga ikibazo cy'ubusumbane n'akarengane hagati y'abatutsi n'abahutu kiriho kandi kimaze imyaka myinshi mu Rwanda, yabiba gute imbuto yasanze yarahinzwe n'abanyarwanda ubwabo ? Hari uwabiba ibyeze mu gihe asanze ba nyirabyo balimo kubisarura ? Niyo mpamvu, muri iryo tangazo n° 66/2003, tubasaba gushyiraho Komisiyo yasuzuma ibyo birego bimuvugwaho hanyuma igatanga imyanzuro, impaka zigashira ndetse na Kiliziya Gatolika ikaboneraho n'umwanya wo kuryozwa cyangwa guhanagurwaho icyo cyaha kuko nacyo ikomeje kukiregwa n'izo ntagondwa. Ikigo cyacu kiteguye kuba cyabatera inkunga mu gushyiraho bene iyo Komisiyo.

Tubasabye, nk'abashumba ba Kiliziya Gatolika, mubalirwa mu muryango munini w'abagize abaturage b'abanyarwanda (Société Civile Rwandaise), gufata ijambo mukarengera UKURI n'UBUTABERA kuko mubifitiye uburenganzira mu rwego rw'imilimo mushinzwe. Bityo mukaba mugenewe gufata ijambo igihe cyose igihugu cyacu kirangwa n'akaga n'amakimbirane yibasiye inyoko-muntu. Mwese ntimuyobewe ko bagenzi banyu ba Musenyeri Visenti NSENGIYUMVA, Tadeyo NSENGIYUMVA, Yozefu RUZINDANA na Innocenti GASABWOYA biciwe i Gakurazo bazize ko banze gutererana impunzi zigera ku bihumbi mirongo itatu n'ibindi zari zabahungiyeho kandi zikarokokera i Kabgayi muli 1994. Abo rero bakwiye kubaha urugero rwiza kuko umushumba mwiza n'udatererana intama ze mu bihe bikomeye.

Mu bihe bikomeye byo muli 1959, Umushumba wa Diyosezi Kabgayi Andreya PERRAUDIN n'uwa Diyosezi ya Nyundo, Musenyeri Aloyizi BIGIRUMWAMWI batanze urugero bafata ijambo : BABWIRA ABAKIRISITU babo n'Abategetsi b'inzego zose GUSHYIRA MU GACIRO bagakemura mu mahoro ibibazo igihugu cyalimo muli icyo gihe. Namwe rero tubasabye gufata ijambo muli ibi bihe bibi igihugu cyacu kirimo.

Tubasabye guhanura Ubutegetsi bwa Kagame, abanyamashyaka n'abakirisitu banyu bose bagashyira mu gaciro ntawe "ukomerekeje" cyangwa ntawe ugombye "gusya" undi. Bose bakamenya ko « Uvuze ko nyir'urugo yapfuye siwe uba umwishe ». Buri munyarwanda wese afite uburenganzira bwo kunenga cyangwa gushima imiyoborere y'igihugu n'imicungire y'ibya rubanda, kandi ibyo si « ukubiba amacakubiri » mu banyarwanda. Ahubwo n'ukwishyira ukizana (libertés) buri munyarwanda ahabwa n'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda.

Bimaze kugaragara ko Ishyaka liharanira Demukarasi na Repubulika MDR rizira inyandiko zinenga ibitagenda neza n'amakosa yagiye akorwa na bamwe mu bategetsi baliho ubu. Inyandiko izwi cyane n'iyitwa « POSITION DU PARTI M.D.R. SUR LES GRANDS PROBLEMES ACTUELS DU RWANDA » yashyizweho umukono n'abagize Biro Politike ya MDR taliki ya 6 Ugushyingo 1994. Icyo gihe hakurikiyeho ihohoterwa n'ifungwa ry'abayoboke ba MDR mu gihugu cyose. Aba Burugumestri na ba Superefe benshi ba MDR balicwa karahava. Abayobozi bakuru benshi ba MDR bahungira mu mahanga ndetse n'umukuru w'iryo shyaka Fawusitini Twagiramungu asohoka mu gihugu. Ibyo murabibona mu mw'itangazo ry'Ikigo cyacu n° 65/2003 ryo kuya 21 Gicurasi 2003 risobanura neza iby'amavu n'amavuko y'isenywa rya MDR.

Indi nyandiko ya MDR yitwa : « Concours du MDR dans la recherche des solutions aux problèmes épineux du Rwanda » yababaje ubutegetsi bwa Kagame ni iyatanzwe taliki 23 Gicurasi 1998 muli Forum Perezida wa Repubulika yakoreshaga muli village Urugwiro. Icyo gihe Umuyobozi w'Ishyaka rya MDR yari Bwana UBALIJORO Bonaventure waje gufungwa mu ntangiliro z'umwaka 1999, agafungurwa yarabaye ikimuga kigenda gisunikwa mu kagare.

Nk'Abashumba ba Kiliziya Gatolika y'u Rwanda, mumaze iminsi mukurikira ibibazo bivugwa ku bayoboke no kw'Ishyaka MDR. Muli abo bayoboke n'abayobozi ba MDR harimo abakirisitu gatolika benshi mubereye Abashumba.

Ko mu Rwanda ubu harangwa umwuka mubi nk'uwaranze igihugu mbere y'itsembabwoko ryo muli 1994, murateganya gukora iki ?. Muzakomeza muceceke se ngo mutava aho namwe « mukomereka » cyangwa « bakabasya » ?

Turabasaba ko iyi baruwa mwayizilikana, mukagira ubutwari bwo gukora umulimo buri Mushumba wa Kiliziya asabwa gukora mu bihe bikomeye nk'ibi. Uzabizira muli mwe azabalirwa mu bahowe Imana (martyrs) nkuko byagendekeye abandi bakorera Imana. Aha twabibutsa ijambo nyakwigendera Musenyeri Andereya SIBOMANA yasize avuze ngo : « NIMUGIRA UBWOBA, MUGIRE N'UBUTWARI BWO KUBUTSINDA ».

Haramutse hali Umushumba muli mwe wifitiye ubwoba bwo kurengera UKURI n'Urukundo rw'intama z'Imana bigomba kubaranga, twamugira inama yo kwegura ku milimo ye. Ibyo kandi nibyo duherutse gusaba Perezida wa Repubulika, Jenerali Pahulo KAGAME mw'ibaruwa twamwandikiye taliki ya 20 Gicurasi 2003. Twamusabye guhitamo hagati yo kuba Perezida w'igihugu utanga umutekano no kuba Perezida w'interahamwe zica kandi zinyereza inzirakarengane mu muhanda. Twasanze rero adashobora gukomatanya iyo milimo yombi. Kuyobora igihugu no gukoresha iterabwoba n'ikinyoma ni imilimo itabangikana.

Tubaye tubashimiye icyemezo cya kigabo muzafata muharanira amahoro, ubutabera, n'ubwigenge abakirisitu n'abandi banyarwanda bose bakeneye. Mugire amahoro ya Kirisitu.

MATATA Yozefu,
Umuhuzabikorwa w'Ikigo Kirwanya umuco wo Kudahana n'Akarengane mu Rwanda.